# Rwanda: ngo abapadiri banyereje imfashyanyo z'imfubyi n'abapfakazi?

***Imvaho nshya ili kuli www.orinfor. gov.rw***
***Byanditswe na Twatira Wilson.***

Nk'uko byatangajwe muli iyi minsi, umuvunyi Tito Rutaremara n'abo bakorana ngo barakora ubushakashatsi "ku miterere y'ikibazo cya ruswa n'imicungire y'umutungo mu bigo by'amadini no mu mabanki", ibi ngo bikaba byaratangiye muli uku kwezi kwa Nyakanga 2009.

Umuvunyi Rutaremara kandi ngo aherutse gusobanurira Inteko rusange incamake ikubiye muri raporo y'iperereza rye, iyo raporo ikavuka ko ngo "ashingiye ku iperereza bakoze ngo basanze ibigo by'amadini birimo ikibazo cyo kunyereza umutungo, harimo n'amafaranga y'imfashanyo aturuka hanze.

Dore uko Twagira Wilson yanditse mu Mvaho ibirebana n'ayo Padiri Innocent Consolateur yaba yaranyereje.

"Twibutse ko mu gihe Urwego rw'Umuvunyi rwitegura gukora ubushakashatsi kuri ruswa mu bigo by'amadini mu Rwanda, Padiri Innocent Consolateur niwe mu bihayimana witabye Urukiko na bagenzi be babiri ku ya 8 Nyakanga 2009 aregwa ubufatanyacyaha mu cyaha cy'ubuhemu no kunyereza miliyoni zisaga magana ane yagenewe gufasha abana b'impfubyi n'abapfakazi binyuze mu mushinga "ITALIA SOLIDARE".

Mu myiregurire ye imbere y'Urukiko, Padiri Consolateur Innocent yabwiye umucamanza ko icyaha cy'ubuhemu aregwa nta shingiro gifite bitewe n'uko ngo nta masezerano yigeze agirana n'abamurega. Ati "Sinigeze ndenga ku masezerano twagiranye ngo mbahemukire" . Ku bijyanye n'akazi ko muri uwo mushinga "Italia Solidare", Padiri Innocent yavuze ko yagahawe n'ubuyobozi bwa Arikidiyosezi ya Kigali, n'inyandiko yagaragarije Urukiko zanditswe na Arikepiskopi wa Kigali.

Yasobanuye ko nta kibazo cy'imicungire mibi y'umutungo kiri mu mushinga.Umushinga Italia Solidare umaze imyaka icumi ukorera mu Rwanda, muri icyo gihe amafaranga y'imfashanyo wari umaze gutanga ni miliyari ebyiri.

Abaregwa ubufatanyacyaha muri urwo rubanza ni Ngendahayo Faustin, Ndamage Gérard na Padiri Innocent Consolateur bakaba bakurikiranyweho kunyereza miliyoni magana ane na mirongo itandatu n'enye z'amafaranga y'u Rwanda"